MURI PARUWASI YA KINUNU TWIJIHIJE UMUNSI W'ABAKATESHISTE

Mu gukomeza kwizihiza uyu mwaka w'ukwemera, Kiliziya gatolika yashyizeho umunsi w'abakateshiste. Ni muri urwo rwego ku itariki ya 29 Nzeli 2013, abakateshiste bo muri Paruwasi ya Kinunu bifatanyije n'abakateshiste bose ba Kiliziya gatolika basusurutsa uwo munsi.

Umunsi wabimburiwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padri Léonidas NGARUKIYINTWARI, Padri Mukuru wa Paruwasi ya Kinunu. Missa yatangijwe n'umutambagiro w'abakateshiste bose ba Paruwasi. Mu nyigisho yatanze, Padri yagarutse ku butumwa n'umurimo w'abakateshiste.

Mbere y'uko Missa ihumuza, uhagarariye abakateshiste, mu ijambo rye, yagarutse ku gusobanura abakateshiste ko ari *abafasha b'abasaserdoti* mu kwigisha Iyobokamana no gutegurira abantu amasakramentu. Yashishikarije abakateshiste kwitangira Kiliziya barangiza neza ubutumwa bwabo. Yabasabye kwitwararika no gushinga ibirindiro mu kwemera kwa Kiliziya. Yashoje ashimira abasaserdoti ndetse n'abakristu bose abasaba kubasabira ngo barusheho kwitangira neza umurimo Kiliziya yabahamagariye.

Nyuma ya Missa, ibirori byakomereje mu cyumba cy'inama cya Paruwasi mu busabane bwarimo gusangirira hamwe no kwidagadura.

Umuyobozi wa komite Nyobozi ya Paruwasi yagarutse ku butumwa bw'abakateshiste. Yabashimiye ubwitange bagira no kwihanganira ibibazo bahura nabyo byose, abashishikariza gukomeza uwo murimo bawukunze kandi abizeza ko Paruwasi ibari hafi kandi izageragеza kubafasha gusohoza ubwo butumwa.

Padri Mukuru yashimiye abakateshiste muri rusange uburyo bitanga ndetse abasaba gukomeza badacogora. Yabasabye kwihatira kwihugura basoma cyane cyane Ijambo ry'Imana, ibitabo n'ibinyamakuru ndetse banategа amatwi Radiyo Mariya Rwanda. Yabasabye kandi guhugukira gusenga no kunga ubumwe. Yakanguriye abakateshiste gusubiza amaso inyuma bisuzuma ku butumwa bwabo. Yibukije abakateshiste ko bagomba guharanira kuba umuyoboro w'Inkuru nziza ya Yezu Kristu bihatira kuba inyangamugayo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Yabijeje ko ibihembo by'ukuri bazabibona mu ijuru.

Twashoje twakira umugisha w'Imana.

Marcellin TWIZELIMANA, uhagarariye abakateshiste ba Paruwasi ya KINUNU.

Twabigejejweho na Padiri Lewonidasi NGARUKIYINTWARI , Padiri Mukuru wa Paruwasi Kinunu